Ministry for Ethnic Communities
Te Tari Mātāwaka

# Ubufasha bw'indimi igihe uri guhamagara serivisi za Leta

Iyo uri guhamagara ikigo cya Leta maze ukaba ukeneye ubufasha mu ndimi, saba umusemuzi.

Ni inshingano z'ikigo cya Leta gukora ku buryo serivisi zayo zigera ku bazigenewe.
Ibi bijyana no guha abantu abasemuzi b'umwuga ku **buntu**.

## Uko umuntu abona umusemuzi

1. Hamagara ikigo cya Leta.
2. Saba umusemuzi maze ubwire uwo muntu kuri terefone ururimi uvuga. Uzakenera kuvuga mu cyongereza, bityo ujye wimenyereza kuvuga amagambo 'umusemuzi' n'izina ry'ururimi uvuga mu cyongereza mbere yo guhamagara.
3. Uzasabwa gutegereza. Ugume kuri terefone - **ntuve** kuri terefone.
4. Niba ahari, umusemuzi w'umwuga arafata terefone kugira ngo agufashe. Ku ndimi zimwe na zimwe, ibigo bya Leta bishobora gukenera guteguza abasemuzi mbere y'igihe.

Nusaba umusemuzi mu nama abantu bitabira bari kumwe cyangwa hifashishijwe ikoranabuhanga ry'amajwi n'amashusho, wakoherereza imeyiri icyo kigo mbere y'igihe kugira ngo umusemuzi azashobore kuboneka.

---

Ibigo n'inzego bya Leta bishobora kugufasha kubona umusemuzi. Shaka urutonde rwuzuye kuri uru rubuga: **www.mbie.govt.nz/language-assistance-services/participating-agencies**

Niba ufite ibibazo cyangwa impungenge zerekeranye no kugera kuri serivisi z'ubusemuzi za Leta, twoherereze imeyiri kuri **info@ethniccommunities.govt.nz**

Ikinyarwanda